REPUBULIKA Y'U RWANDA

IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IBARURA RUSANGE RYA KANE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE
## 16 - 30 Kanama 2012

IBARUZE KUKO URI UW'INGENZI




# NDIBARUZA KUKO MFITE AGACIRO

### ✓ AKAMARO K'IBARURA RUSANGE
Ibarura Rusange rizerekana:
- imibare nyayo y'abaturarwanda n'uko biyongera ;
- imiterere n'imibereho y'abaturarwanda ;
- imiturire, ibikoresho n'amatungo y'ingo ;
- imbibi n'ibikorwaremezo by'inzego z'ubutegetsi bw'Igihugu ;
- imibare izifashishwa muri gahunda y'Iterambere ry'Uterere, Kurwanya ubukene, n'Intego z'ikinyagihumbi.

### ✓ ABO IBARURA RUSANGE RIREBA
- Abantu bose batuye mu Rwanda, tutibagiwe Abashyitsi bazaba baraye mu ngo zacu mu Ijoro ry'Ibarura.

### ✓ IJORO RY'IBARURA
- Ni ijoro ribanziriza umunsi wa mbere w'Ibarura Rusange, ariryo ryo ku wa 15 rishyira uwa 16 Kanama 2012.

### ✓ IBIZABAZWA MU IBARURA RUSANGE
Urutonde rw'ibibazwa ruzakoreshwa rugizwe n'izi ngingo z'ingenzi:
- Aho urugo ruherereye
- Ibibazo ku miterere ya buri muntu uri mu rugo
- Ibibazo ku miturire
- Ibibazo ku bapfuye mu mezi 12 ashize

### ✓ URUHARE RW'ABAYOBOZI N'URW'ABATURAGE
- Abayobozi b'inzego zose z'ubutegetsi bw'Igihugu barasabwa gukangurira no gushishikariza abaturage kwitabira Ibarura Rusange no kurinda umutekano w'abakarani b'Ibarura n'uw'ibikoresho byabo.
- Abaturarwanda bose barasabwa kuzakira neza abakarani b'Ibarura no kubaha ibisubizo by'ukuri ku bibazo byose bazababazwa.

### ✓ NIMERO KU MAZU
Zizafasha umukarani w'Ibarura:
- kumenya umubare w'ingo/ibigo azabarura.
- kutagira urugo/ikigo asimbuka cyangwa ngo abarure kabiri.
- kumenya buri munsi ingo/ibigo amaze kubarura n'izo / ibyo asigaje.

## ✓ IBARUZE KUKO URI UW'INGENZI
Baruza abo mu rugo rwawe n'abashyitsi baharaye mu Ijoro ry'Ibarura